No 100 Ukwakira 2014

MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



URUBYIRUKO RURENGA MAGANA ATANDATU RUMAZE GUHUGURWA

*Mu Mujyi wa Kigali ku wa 14.10.2014 hatangijwe cyiciro cya cumi (10) cy'amahugurwa agenewe urubyiruko ruturuka mu Mitwe ya politiki yemewe mu Rwanda yose uko ari icumi n'umwe (11) (Youth political Leadership Academy/YPLA) aho buri Mutwe wa politiki ugena abasore babiri n'inkumi ebyiri mu Ntara no mu Mujyi wa Kigali; Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki (NFPO) Bwana KAYIGEMA Anicet, yagarutse ku kamaro kayo aho yababwiye ko agamije kongerera ubushobozi mu bumenyi rusange, politiki n' imiyoborere myiza kubayakurikira.*



*Bwana KAYIGEMA Anicet*

Yabwiye uru rubyiruko ko aya masomo afite intego nyamukuru yo kubaha ubumenyi n'ubuhanga bwo kwitabira ibikorwa byose bitegurwa n'Imitwe ya politiki baturukamo hagamijwe ahanini kwiyubaka, basabwa kugira uruhare muri gahunda zose z'Umutwe wa politiki haba mu mahugurwa ategurwa n'Umutwe wa politiki wabo, haba kandi no kugira uruhare mu miyoborere yayo.




*Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro aganira n'urubyiruko*

Yagize ati "twizeye ko muje mufite umugambi ujyanye n'uw'umutwe wa Politiki muturukamo wo kubaka Igihugu gishingiye kuri demokarasi irangwa n'ibitekerezo binyuranye ariko byuzuzanya biganisha ku mibereho myiza n'iterambere rirambye ku banyarwanda bose".

Yamenyesheje uru rubyiruko ko icyi cyiciro cya cumi cyirarangira nibura buri Mutwe wa politiki ufite urubyiruko rwahuguwe muri iyi gahunda rurenga mirongo itandatu (60) nukuvuga ko abamaze guhugurwa muri iyi gahunda barenga Magana atandatu (600), Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro akaba yavuze ko ntacyo Umutwe wa politiki wakwitwaza mu rwego rwo kubaka ubushobozi bwawo mu gihe bafite amaraso ashyushye y'urubyiruko nk'uru.

Ibi kandi yabibwiye itsinda riri gukurikiranira aya masomo mu Ntara y'Amajyepfo, mu Karere ka Huye aho bayakurikiranira kuri Hotel Mater Boni Consilii; yabasabye gukoresha neza aya mahirwe, bagakurikirana umurava aya masomo ko iyo bayasoje bifashishwa n'Imitwe ya politiki bakomokamo mu guhugura bagenzi babo baba batarabashije kuyakurikira no

gufasha Imutwe ya politiki muri gahunda zose z'iterambere ryayo

Kuri aya matsinda yombi, Bwana Kayigema Anicet yasoje abashimira uko bitabiriye aya mahugurwa ahoraho ategurwa n'Ihuriro, abizeza ko Ihuriro rizakomeza gusaba Imitwe ya politiki kubinjiza muri gahunda zose zitegurwa nayo kugira ngo umwuga biyemeje bazawukore nta mbogamizi.

Umuhuzabikorwa wa Gahunda mu Ihuriro Bwana JIJUKA Zephyrin yamenyesheje uru rubyiruko gahunda igenderwaho mu itangwa ry'aya mahugurwa, imyitwaririre y'uyakurikira, ingeri z'amasomo baziga n'ibikoresho ruzahabwa kugira ngo ruzakurikire neza aya masomo.



***Bwana Jijuka Zephyrin Umuhuzabikorwa wa Gahunda mu Ihuriro***

## THE USAID DELEGATES TEAM HIGHLIGHTED THE NFPO ACHIEVEMENTS



Dr. Carol Sahley

A delegates team from the USAID chaired by its Democracy Specialist based in Newyork Dr. Carol Sahley paid visit to the National Consultative Forum of Political Organization (NFPO). The purpose for the visit was in framework of assessing the role of governance institutions' role in promoting the civic participation.

She said: "I have visited many public and private institutions to know about the promotion of good governance and democracy, it is pleasure to see the way the National Political Party Forum has made such tremendous achievements in democracy promotion through reinforcing its actors or political parties capacities.

She added that it is very important for Rwanda's political party Forum to raise its voice of dialogue and consensus.

Mr Jijuka Zephyrin, the NFPO program coordinator narrated the democracy transformational journey that Rwanda embarked on since the end of genocide in July 1994, which one of them is the NFPO establishement .



*Mr Jijuka Zephyrin, Program Coordinator*

*"Firstly the NFPO works as a platform where Political Organisations recognized in Rwanda meet and discuss on the country's problems and national policies, in the purpose of consensus building and national cohesion. Secondly, it is a permanent framework for capacity building for member political organizations in the development of political activities and political service provision. It is also a framework for conflict mediation between political parties and for the promotion of the code of conduct which should characterize the political parties leadership in Rwanda".* Jijuka elaborated.

Through the talks held, Dr. Carol acquired the answers on how the Forum works with the National Electoral Commission, different government bodies, the parliament, the Senate and other national and international partners.

She added that the discussions held with the NFPO will help the USAID to develop the future projects to be implemented in joint partnership with the government of Rwanda and other partners' institutions and organizations.

## KWITABIRA POLITIKI UKIRI MUTO BIFASHA IGIHUGU KWIHUTA MU ITERAMBERE



*Mr Steven Wymer*

Ibi n'ibyagarutsweho n'Impuguke mu bya politiki Mr Steven Wymer yaturutse muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ku wa 22.10.2014, ubwo yaganiraga n'urubyiruko ruturuka mu Mitwe ya politiki

Bisabwe na n'Ambasade ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika mu Rwanda, Iyi mpuguke yaganiriye n'uru rubyiruko mu kiganiro cyo kungurana ibitekezo ku kuzamura imyumvire n'ubushake bwo kwitabira politiki (Roundtable discussion on increasing political engagement )

Yabibukije ko iyo urubyiruko rwo mbaraga z'Igihugu rwitabiriye gahunda zose za Leta iyo ari nziza, ruba umusemburo w'imibereho myiza n'Iterambere ry'Igihugu. Bungurana ibitekerezo, yababajije zimwe muri gahunda za Leta babona bitabira yewe bagiramo n'uruhare kugirango zishyirwe mu bikorwa.



Aha aba banyapolitiki bavuze ko izo gahunda ari nyinshi, zirimo gahunda y'amashuri abanza y'imyaka 12, Ubwisungane mu kwivuza, Gahunda ya Gira inka, ubudehe, kwitabira amakoperative, Gahunda y'Imbaturabukungu, Bye Bye Nyakatsi, Gacaca, Gahunda y'Abunzi n'izindi.

Uru rubyiruko rw'abayobozi mu Mitwe ya politiki rushinzwe gushaka abayoboke, gushishikariza bagenzi babo kwitabira politiki no gutanga amahugurwa anyuranye mu Mitwe ya politiki igize Ihurio rwishimiye iki kiganiro nyunguranabitekerezo rwagiranye n'iyi mpuguke rusanga ubu buryo bwazajya bukoreshwa mu gushishikariza bagenzi babo kwitabira politiki , inzira nziza yafasha ubuyobozi kugera kuri gahunda na politiki nziza buba bwirihaye.